



Umwaka wa 62
Igazeti ya Leta n° Idasanzwe
yo ku wa 15/06/2023

Year 62
Official Gazette n° Special of
15/06/2023

62^{ème} Année
Journal Officiel n° Spécial du
15/06/2023

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup.

Itegeko / Law / Loi

Itegeko n° 029/2023 ryo ku wa 14/06/2023 rigenga iyandikwa ry'abaturage muri sisitemu imwe y'Igihugu y'indangamuntu koranabuhanga.....2

Law n° 029/2023 of 14/06/2023 governing population registration in the national single digital identity system2

Loi n° 029/2023 du 14/06/2023 régissant l'enregistrement de la population dans le système national d'identité numérique unique.....2

<p>ITEGEKO N° 029/2023 RYO KU WA 14/06/2023 RIGENGA IYANDIKWA RY'ABATURAGE MURI SISITEMU IMWE Y'IGIHUGU Y'INDANGAMUNTU KORANABUHANGA</p>	<p>LAW N° 029/2023 OF 14/06/2023 GOVERNING POPULATION REGISTRATION IN THE NATIONAL SINGLE DIGITAL IDENTITY SYSTEM</p>	<p>LOI N° 029/2023 DU 14/06/2023 RÉGISSANT L'ENREGISTREMENT DE LA POPULATION DANS LE SYSTÈME NATIONAL D'IDENTITÉ NUMÉRIQUE UNIQUE</p>
<p><u>ISHAKIRO</u></p>	<p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p>	<p><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p>
<p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p>	<p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></p>
<p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije</u></p>	<p><u>Article One: Purpose of this Law</u></p>	<p><u>Article premier: Objet de la présente loi</u></p>
<p><u>Ingingo ya 2: Isobanura</u></p>	<p><u>Article 2: Interpretation</u></p>	<p><u>Article 2: Interprétation</u></p>
<p><u>UMUTWE WA II: IYANDIKWA RY'ABATURAGE</u></p>	<p><u>CHAPTER II: REGISTRATION OF THE POPULATION</u></p>	<p><u>CHAPITRE II : ENREGISTREMENT DE LA POPULATION</u></p>
<p><u>Ingingo ya 3: Igitabo cyandikwamo abaturage</u></p>	<p><u>Article 3: Population registry</u></p>	<p><u>Article 3: Registre de la population</u></p>
<p><u>Ingingo ya 4: Amakuru yandikwa mu gitabo cyandikwamo abaturage</u></p>	<p><u>Article 4: Population registry data</u></p>	<p><u>Article 4: Données du registre de la population</u></p>
<p><u>Ingingo ya 5: Iyandikwa mu gitabo cyandikwamo abaturage</u></p>	<p><u>Article 5: Registration in population registry</u></p>	<p><u>Article 5: Enregistrement dans le registre de la population</u></p>

<u>Ingingo ya 6:</u> Iyandikwa ry’urupfu	<u>Article 6:</u> Registration of death	<u>Article 6:</u> Enregistrement de décès
<u>Ingingo ya 7:</u> Guhindura aho umuntu atuye	<u>Article 7:</u> Change of domicile	<u>Article 7:</u> Changement de domicile
<u>UMUTWE WA III:</u> SISITEMU YA SDID	<u>CHAPTER III:</u> SDID SYSTEM	<u>CHAPITRE III:</u> SYSTÈME SDID
<u>Ingingo ya 8:</u> Inkomoko y’amakuru ya sisitemu ya SDID n’ibiyigize	<u>Article 8:</u> Sources of data of the SDID system and its components	<u>Article 8:</u> Sources des informations du système SDID et ses composants
<u>Ingingo ya 9:</u> Igitabo cya SDID	<u>Article 9:</u> SDID registry	<u>Article 9:</u> Registre SDID
<u>Ingingo ya 10:</u> Amakuru abikwa mu buryo bw’inyandiko mu gitabo cya SDID	<u>Article 10:</u> SDID registry data	<u>Article 10:</u> Données du registre SDID
<u>Ingingo ya 11:</u> Iyandikwa muri sisitemu ya SDID	<u>Article 11:</u> Registration in the SDID system	<u>Article 11:</u> Enregistrement dans le système SDID
<u>Ingingo ya 12:</u> Amakuru y’umwana abikwa muri sisitemu ya SDID	<u>Article 12:</u> Child’s data registered in the SDID system	<u>Article 12:</u> Données de l’enfant enregistrées dans le système SDID
<u>Ingingo ya 13:</u> Ibisabwa mu kwiandikisha muri sisitemu ya SDID	<u>Article 13:</u> Requirements for registration in the SDID system	<u>Article 13:</u> Conditions d’enregistrement dans le système SDID
<u>Ingingo ya 14:</u> Ahakorera iyandikwa	<u>Article 14:</u> Registration centres	<u>Article 14:</u> Centres d’enregistrement
<u>Ingingo ya 15:</u> Gutunganya no kubungabunga amakuru abitse muri sisitemu ya SDID	<u>Article 15:</u> Processing and protection of the data recorded in the SDID system	<u>Article 15:</u> Traitement et protection des données enregistrées dans le système SDID

<u>Ingingo ya 16:</u> Guhindura amakuru abitse muri sisitemu ya SDID	<u>Article 16:</u> Change of data recorded in SDID system	<u>Article 16:</u> Modification de données enregistrées dans le système SDID
<u>Ingingo ya 17:</u> Numero ya SDID	<u>Article 17:</u> SDID number	<u>Article 17:</u> Numéro SDID
<u>Ingingo ya 18:</u> Itangwa n'itungwa ry'ikarita ya SDID	<u>Article 18:</u> Issuance and possession of SDID card	<u>Article 18:</u> Délivrance et possession de la carte SDID
<u>Ingingo ya 19:</u> Umubare usimbura numero ya SDID	<u>Article 19:</u> SDID number token	<u>Article 19:</u> Jeton de numéro SDID
<u>Ingingo ya 20:</u> Imikoreshereze ya numero ya SDID n'umubare usimbura numero ya SDID	<u>Article 20:</u> Use of SDID number and SDID number token	<u>Article 20:</u> Utilisation du numéro SDID et du jeton de numéro SDID
<u>Ingingo ya 21:</u> Kwemeza	<u>Article 21:</u> Authentication	<u>Article 21:</u> Authentification
<u>Ingingo ya 22:</u> Amakuru akoreshwa mu kwemeza hakoreshejwe murandasi	<u>Article 22:</u> Data used during online authentication	<u>Article 22:</u> Données utilisées pendant l'authentification en ligne
<u>Ingingo ya 23:</u> Kwemeza hadakoreshejwe murandasi	<u>Article 23:</u> Offline authentication	<u>Article 23:</u> Authentification hors ligne
<u>Ingingo ya 24:</u> Guhitamo uburyo bwo kwemeza	<u>Article 24:</u> Choice of authentication mode	<u>Article 24:</u> Choix du mode d'authentification
<u>Ingingo ya 25:</u> Gukuraho numero ya SDID	<u>Article 25:</u> Deactivation of SDID number	<u>Article 25:</u> Désactivation du numéro SDID
<u>Ingingo ya 26:</u> Gusubizaho numero ya SDID	<u>Article 26:</u> Reactivation of SDID number	<u>Article 26:</u> Réactivation du numéro SDID
<u>Ingingo ya 27:</u> Gucunga sisitemu ya SDID	<u>Article 27:</u> Management of the SDID system	<u>Article 27:</u> Gestion du système SDID

<p><u>Ingingo ya 28:</u> Inshingano z’urwego rubifitiye ububasha mu bijyanye na sisitemu ya SDID</p>	<p><u>Article 28:</u> Responsibilities of the competent authority in matters relating to the SDID system</p>	<p><u>Article 28:</u> Attributions de l’autorité compétente en matière de questions relatives au système SDID</p>
<p><u>Ingingo ya 29:</u> Ububasha bw’urwego rubifitiye ububasha mu bijyanye na sisitemu ya SDID</p>	<p><u>Article 29:</u> Powers of the competent authority in matters relating to the SDID system</p>	<p><u>Article 29:</u> Pouvoirs de l’autorité compétente en matière de questions relatives au système SDID</p>
<p><u>Ingingo ya 30:</u> Guhuza za sisitemu zinyuranye</p>	<p><u>Article 30:</u> Systems integration</p>	<p><u>Article 30:</u> Intégration de systèmes</p>
<p><u>Ingingo ya 31:</u> Ishyirwaho ry’Inama Mpuzabikorwa ya SDID</p>	<p><u>Article 31:</u> Establishment of SDID Coordination Council</p>	<p><u>Article 31:</u> Création d’un Conseil de Coordination de la SDID</p>
<p><u>UMUTWE WA IV:</u> AMAKOSA, IBYAHA N’IBIHANO</p>	<p><u>CHAPTER IV:</u> FAULTS, OFFENCES, SANCTIONS AND PENALTIES</p>	<p><u>CHAPITRE IV:</u> FAUTES, INFRACTIONS, SANCTIONS ET PEINES</p>
<p><u>Icyiciro cya mbere:</u> Amakosa n’ibihano byo mu rwego rw’ubutegetsi</p>	<p><u>Section One:</u> Administrative faults and sanctions</p>	<p><u>Section première:</u> Fautes et sanctions administratives</p>
<p><u>Ingingo ya 32:</u> Kutubahiriza inshingano zerekeye iyandikwa</p>	<p><u>Article 32:</u> Failure to comply with obligations relating to registration</p>	<p><u>Article 32:</u> Manquement aux obligations relatives l’enregistrement</p>
<p><u>Ingingo ya 33:</u> Kwanga ikarita ya SDID ku ruhande rwifashisha amakuru</p>	<p><u>Article 33:</u> Refusal by relying party of SDID card</p>	<p><u>Article 33:</u> Refus par la partie utilisatrice de la carte SDID</p>
<p><u>Icyiciro cya 2 :</u> Ibyaha n’ibihano</p>	<p><u>Section 2:</u> Offences and penalties</p>	<p><u>Section 2 :</u> Infractions et peines</p>

<p><u>Ingingo ya 34:</u> Imikoreshereze y’ikarita ya SDID mu buryo bunyuranyije n’amategeko</p>	<p><u>Article 34:</u> Unlawful use of SDID card</p>	<p><u>Article 34</u> : Utilisation illicite d’une carte SDID</p>
<p><u>Ingingo ya 35:</u> Gutanga numero cyangwa ikarita ya SDID mu buriganya</p>	<p><u>Article 35:</u> Fraudulent issuance of SDID number or card</p>	<p><u>Article 35</u> : Délivrance frauduleuse d’un numéro ou d’une carte SDID</p>
<p><u>Ingingo ya 36:</u> Iyandikwa muri sisitemu ya SDID mu buriganya</p>	<p><u>Article 36:</u> Fraudulent registration in SDID system</p>	<p><u>Article 36</u> : Enregistrement frauduleuse dans le système SDID</p>
<p><u>Ingingo ya 37:</u> Kwinjira muri sisitemu ya SDID no gutunganya amakuru nta ruhushya</p>	<p><u>Article 37:</u> Unauthorised access to SDID system and data processing</p>	<p><u>Article 37</u> : Accès au système SDID et traitement de données sans autorisation</p>
<p><u>UMUTWE WA V: INGINGO Y’INZIBACYUHO N’IZISOZA</u></p>	<p><u>CHAPTER V: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE V : DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES</u></p>
<p><u>Ingingo ya 38:</u> Igihe cy’inzibacyuho.</p>	<p><u>Article 38:</u> Transitional period</p>	<p><u>Article 38</u> : Période transitoire</p>
<p><u>Ingingo ya 39:</u> Ingingo y’ururimi</p>	<p><u>Article 39:</u> Language provision</p>	<p><u>Article 39</u> : Disposition linguistique</p>
<p><u>Ingingo ya 40:</u> Ingingo ivanaho</p>	<p><u>Article 40:</u> Repealing provision</p>	<p><u>Article 40</u> : Disposition abrogatoire</p>
<p><u>Ingingo ya 41:</u> Gutangira gukurikizwa</p>	<p><u>Article 41:</u> Entry into force</p>	<p><u>Article 41</u> : Entrée en vigueur</p>

<p>ITEGEKO N° 029/2023 RYO KU WA 14/06/2023 RIGENGA IYANDIKWA RY'ABATURAGE MURI SISITEMU IMWE Y'IGIHUGU Y'INDANGAMUNTU KORANABUHANGA</p> <p>Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika;</p> <p>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA</p> <p>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:</p> <p>Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 26 Gicurasi 2023;</p> <p>Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 23, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 93, iya 106, iya 120, iya 121, iya 122 n'iya 176;</p>	<p>LAW N° 029/2023 OF 14/06/2023 GOVERNING POPULATION REGISTRATION IN THE NATIONAL SINGLE DIGITAL IDENTITY SYSTEM</p> <p>We, KAGAME Paul, President of the Republic;</p> <p>THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA</p> <p>THE PARLIAMENT:</p> <p>The Chamber of Deputies, in its sitting of 26 May 2023;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 23, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 93, 106, 120, 121, 122 and 176;</p>	<p>LOI N° 029/2023 DU 14/06/2023 RÉGISSANT L'ENREGISTREMENT DE LA POPULATION DANS LE SYSTÈME NATIONAL D'IDENTITÉ NUMÉRIQUE UNIQUE</p> <p>Nous, KAGAME Paul, Président de la République ;</p> <p>LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA</p> <p>LE PARLEMENT :</p> <p>La Chambre des Députés, en sa séance du 26 mai 2023 ;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 23, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 93, 106, 120, 121, 122 et 176 ;</p>
--	--	---

<p>Isubiye ku Itegeko n° 14/2008 ryo ku wa 04/06/2008 rigena iyandikwa ry'abaturage n'itangwa ry'ikarita ndangamuntu ku Banyarwanda nk'uko ryahinduwe kugeza ubu;</p> <p>YEMEJE:</p> <p><u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE</p> <p><u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri tegeko rigamije</p> <p>Iri tegeko rigenga iyandikwa ry'abaturage muri sisitemu imwe y'Igihugu y'indangamuntu koranabuhanga.</p> <p><u>Ingingo ya 2:</u> Isobanura</p> <p>Muri iri tegeko:</p> <p>(a) “ kwemeza ” bivuga igikorwa cyo kugenzura ibiranga umuntu, hakoreshewe cyangwa hadakoreshewe murandasi, hakurikijwe amakuru yanditswe muri sisitemu ya SDID;</p> <p>(b) “ Urwego rubifitiye ububasha ” bivuga urwego rufite mu nshingano</p>	<p>Having reviewed Law n° 14/2008 of 04/06/2008 governing registration of the population and issuance of the national identity card as amended to date;</p> <p>ADOPTS:</p> <p><u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS</p> <p><u>Article One:</u> Purpose of this Law</p> <p>This Law governs the registration of the population in the national single digital identity system.</p> <p><u>Article 2:</u> Interpretation</p> <p>In this Law:</p> <p>(a) “authentication” means the action of verifying, whether online or offline, the identity of an individual against the information recorded in the SDID system;</p> <p>(b) “competent authority” means the organ in charge of national</p>	<p>Revu la Loi n° 14/2008 du 04/06/2008 relative à l'enregistrement de la population et à la délivrance de la carte d'identité telle que modifiée à ce jour ;</p> <p>ADOPTE :</p> <p><u>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></p> <p><u>Article premier :</u> Objet de la présente loi</p> <p>La présente loi régit l'enregistrement de la population dans le système national d'identité numérique unique.</p> <p><u>Article 2 : Interprétation</u></p> <p>Dans la présente loi :</p> <p>(a) « authentication » signifie l'action de de vérification, en ligne ou hors ligne, de l'identité d'un individu par rapport aux informations enregistrées dans le système SDID ;</p> <p>(b) « autorité compétente » signifie l'organe ayant l'identification</p>
--	--	---

<p>gukurikirana ibiranga abaturage mu rwego rw'Igihugu no kubandika;</p> <p>(c) “amakuru y’ibipimo ndangamiterere y’umuntu” akubiyemo ifoto igaragaza mu maso, ibikumwe n’ishusho y’imboni;</p> <p>(d) “ibipimo ndangamiterere ya muntu byihariye” bivuga igihe umuntu adashobora gutanga amakuru y’ibipimo ndangamiterere y’umuntu yuzuye, cyangwa iyo amakuru yuzuye ariko akaba atujuje ikigero shingiro ngenderwaho. Ayo makuru yandikwa muri sisitemu ya SDID;</p> <p>(e) “inyandiko fatizo” bivuga inyandiko ishingirwaho kugira ngo habashe kuboneka ubundi bwoko bw’inyandiko iranga umuntu yemewe;</p> <p>(f) “CRVS” bivuga Iyandikwa mu Irangamimerere n’Imibare Ijyana n’Irangamimerere, nka sisitemu ikoresheya n’urwego rwabiherewe ububasha n’amategeko mu kwandika ibihe by’ingenzi by’abaturage n’iby’abanyamahanga bahatuye, harimo amavuko, urupfu,</p>	<p>population identification and civil registration;</p> <p>(c) “biometric data” includes a front-facing photograph, fingerprints, and iris scan;</p> <p>(d) “biometric exception” refers to instances whereby a person is physically unable to give a complete set of biometric data or the complete set does not meet the minimum threshold standard. Such data are recorded in the SDID system;</p> <p>(e) “breeder document” means a document used for access to other forms of legitimate identification;</p> <p>(f) “CRVS” means civil registration and vital statistics, as a system by which a legally empowered organ records the vital events of the citizens and foreign residents, including birth, death, marriage, divorce, annulment of marriage, guardianship, adoption, legitimisation of a child born out of</p>	<p>nationale de la population et l’enregistrement d’état civil dans ses attributions;</p> <p>(c) « données biométriques » comprennent une photographie de face, les empreintes digitales et un balayage de l’iris ;</p> <p>(d) « exception biométrique » renvoie à des cas dans lesquels il y a une impossibilité physique de la part d’une personne de fournir un jeu complet de données biométriques ou le jeu complet ne répond pas à la norme en termes de seuil minimal. Ces données sont enregistrées dans le système SDID;</p> <p>(e) « document source » signifie un document utilisé pour accéder à d’autres formes d’identification légitime ;</p> <p>(f) « CRVS » signifie l’enregistrement des faits et de statistiques d’état civil, en tant que système par lequel un organe légalement habilité enregistre les faits d’état civil des citoyens et résidents étrangers, y compris la naissance, le décès, le mariage, le divorce, l’annulation de mariage, la</p>
---	--	---

<p>gushyingirwa, gutana burundu kw'abashyingiranywe, gusesa ishyingirwa, ubwishingire, kubera umubyeyi umwana utabyaye, kwemerwa k'umwana nk'aho avuka ku babyeyi bashyingiranywe no kwemera umwana;</p> <p>(g) “ nyir'ubwite ” bivuga umuntu amakuru bwite ye yakusanyijwe kandi agatunganywa;</p> <p>(h) “ ibikumwe ” bivuga ubwishinganywe bw'umworohera w'imitwe y'intoki;</p> <p>(i) “ ibiro byimukanwa ” bivuga ahantu igikorwa cy'iyandikwa kibera hatandukanye n'ahasanzwe hakorerwa iyandikwa bigakorwa mu gihe cyagenwe;</p> <p>(j) “ nomero ndangamuntu y'Igihugu ” bivuga numero iranga umuntu ishyirwaho ku buryo bwa tombola, yihariye kandi ihoraho ihabwa umuntu wanditswe muri CRVS bikoze n'umukozi ubishinzwe;</p> <p>(k) “ kwemeza hadakoreshejwe murandasi ” bivuga uburyo bwo</p>	<p>wedlock and recognition of a child;</p> <p>(g) “data subject” means a person from whom personal data has been collected and processed;</p> <p>(h) “fingerprints” means an impression left by the friction ridge skin at the fingertips;</p> <p>(i) “mobile centre” means a time-bound registration activity taking place outside the usual registration centres;</p> <p>(j) “national identification number” means a randomly generated, unique, and permanent identification number that is assigned to a person registered in the CRVS system by a designated officer;</p> <p>(k) “offline authentication” means the process by which the identity of an</p>	<p>tutelle, l'adoption, la légitimation d'un enfant né hors mariage et la reconnaissance d'un enfant ;</p> <p>(g) « personne concernée » signifie une personne auprès de laquelle des données personnelles ont été recueillies et traitées ;</p> <p>(h) « empreintes digitales » signifie une marque laissée par les sillons des pulpes digitales ;</p> <p>(i) « centre mobile » signifie une activité d'enregistrement limitée dans le temps qui se déroule en dehors des centres d'enregistrement habituels ;</p> <p>(j) « numéro d'identification national » signifie un numéro d'identification unique et permanent généré de manière aléatoire qui est attribué à une personne enregistrée dans le système CRVS par un agent désigné ;</p> <p>(k) « authentification hors ligne » signifie un processus par lequel</p>
--	--	--

<p>kwemeza umwirondoro w’umuntu hifashishijwe amakuru ari mu ikarita ya SDID cyangwa ikindi cyemezo gitangwa na sisitemu ya SDID;</p> <p>(l) “ kwemeza hakoreshejwe murandasi” bivuga uburyo bwo kwemeza umwirondoro w’umuntu mu gitabo cya SDID hakoreshejwe murandasi muri uwo mwanya;</p> <p>(m)“ umuntu ” akubiyemo umunyarwanda, umunyamahanga uba mu Rwanda, umunyamahanga uri mu Rwanda ariko atahaba, umwana watoraguwe, impunzi, umwimukira, umuntu utagira ubwenegihugu, umuntu usaba ubuhungiro cyangwa undi muntu wagenwa n’urwego rubifitiye ububasha;</p> <p>(n) “ kode ya QR ” bivuga kode itanga igisubizo cyihuse;</p> <p>(o) “ iyandikwa ” bivuga igikorwa cyo kwinjiza amakuru arebana n’umwirondoro w’umuntu n’ibipimo ndangamiterere bye muri sisitemu ya SDID;</p> <p>(p) “uruhande rwifashisha amakuru”</p>	<p>individual is validated against the information contained in SDID card or any other SDID system-generated credential;</p> <p>(l) “online authentication” means the process by which the identity of an individual is validated in real-time against SDID registry;</p> <p>(m)“person” includes a Rwandan, foreign resident, non-resident foreign national, foundling, refugee, immigrant, stateless person or asylum seeker or such other person as may be determined by the competent authority;</p> <p>(n) “QR code” means a quick response code;</p> <p>(o) “registration” means the process of entering biographic and biometric information of a person in the SDID system;</p> <p>(p) “relying party” includes a natural</p>	<p>l’identité d’un individu est validée par rapport aux informations contenues dans la carte SDID ou tout autre identifiant généré par le système SDID;</p> <p>(l) « authentification en ligne » signifie un processus par lequel l’identité d’un individu est validée en temps réel par rapport au registre SDID;</p> <p>(m)« personne » comprend un Rwandais, un résident étranger, un ressortissant étranger non résident, un enfant trouvé, un réfugié, un immigrant, un apatride ou un demandeur d’asile ou toute autre personne pouvant être déterminée par l’autorité compétente;</p> <p>(n) « code QR » signifie un code à réponse rapide ;</p> <p>(o) « enregistrement » signifie le processus de saisie des informations biographiques et biométriques d’une personne dans le système SDID ;</p> <p>(p) « partie utilisatrice » comprend une</p>
---	--	---

<p>hakubiyemo umuntu ku giti cye, inzego za Leta, iz'abikorera n'izindi byifashisha amakuru y'indangamuntu koranabuhanga kugira ngo bitange serivisi;</p> <p>(q) “ ikarita ya SDID ” bivuga icyangombwa gifatika cyangwa umubare koranabuhanga bihabwa umuntu wemejwe mu gitabo cya SDID;</p> <p>(r) “numero ya SDID ” bivuga numero y'Indangamuntu Koranabuhanga, ari yo numero itangwa mu buryo bwa tombola, yihariye kandi ihoraho, iranga umuntu wayihawe;</p> <p>(s) “umubare usimbura numero ya SDID” bivuga umubare ukoreshwa nka numero ya SDID utangwa mu buryo bwa tombola, wihariye kandi ufitanye isano na numero ya SDID;</p> <p>(t) “ igitabo cya SDID ” bivuga Igitabo kimwe cy'Indangamuntu Koranabuhanga, ari bwo bubiko butanga mu buryo bwa tombola numero ya SDID n'umubare usimbura numero ya SDID, kandi bukabika amakuru yose yinjijwe;</p>	<p>person, public, private and other entities relying on single digital identity data to provide services;</p> <p>(q) “SDID card” means a physical or digital credential issued to a person registered under SDID registry;</p> <p>(r) “SDID number” means a single digital identity number, as a randomly generated, unique, and permanent identification number which serves as an identifier for the person to whom it is assigned;</p> <p>(s) “SDID number token” means a randomly generated unique personal identifier that is linked to a SDID number;</p> <p>(t) “SDID registry” means a Single Digital Identity Registry, as a repository that randomly generates SDID number and SDID number token and which contains all the registered records;</p>	<p>personne physique, les entités publiques, privées et autres s'appuyant sur les données de l'identité numérique unique pour prester des services;</p> <p>(q) « carte SDID » signifie un identifiant physique ou numérique délivré à une personne enregistrée dans le registre SDID ;</p> <p>(r) « numéro SDID » signifie un numéro d'identité numérique unique qui est un numéro d'identification unique et permanent généré de manière aléatoire et servant d'identifiant pour la personne à laquelle il est attribué;</p> <p>(s) « jeton de numéro SDID » signifie un identifiant personnel unique généré de manière aléatoire qui est lié à un numéro SDID ;</p> <p>(t) « registre SDID » signifie un Registre d'identité numérique unique, comme un référentiel qui génère de manière aléatoire le numéro SDID et le jeton de numéro SDID qui contient toutes les données enregistrées ;</p>
--	--	--

<p>(u) “sisitemu ya SDID” bivuga Sisitemu y’Igihugu y’Indangamuntu Koranabuhanga, ari rwo rubuga ruhurizwamo amakuru ajyanye n’ibiranga umuntu mu rwego rw’Igihugu, ku bantu bose batuye n’ababa mu Rwanda n’abanyarwanda baba hanze y’u Rwanda.</p>	<p>(u) “SDID system” means National Single Digital Identity System as the national identification platform for all the persons domiciled and residing in Rwanda and Rwandan citizens living abroad.</p>	<p>(u) « système SDID » signifie un Système national d’identité numérique unique comme une plate-forme nationale d’identification pour toutes les personnes domiciliées et résidant au Rwanda et des citoyens rwandais vivant à l’étranger.</p>
<p><u>UMUTWE WA II: IYANDIKWA RY’ABATURAGE</u></p>	<p><u>CHAPTER II: REGISTRATION OF THE POPULATION</u></p>	<p><u>CHAPITRE II : ENREGISTREMENT DE LA POPULATION</u></p>
<p><u>Ingingo ya 3: Igitabo cyandikwamo abaturage</u></p>	<p><u>Article 3: Population registry</u></p>	<p><u>Article 3 : Registre de la population</u></p>
<p>Igitabo cyandikwamo abaturage kigizwe n’ibitabo bikurikira:</p>	<p>The population registry comprises the following registries:</p>	<p>Le registre de la population comprend les registres suivants :</p>
<p>(a) igitabo cyandikwamo abanyarwanda;</p> <p>(b) igitabo cyandikwamo abana batoraguwe;</p> <p>(c) igitabo cyandikwamo abanyamahanga batuye mu Rwanda;</p> <p>(d) igitabo cyandikwamo impunzi n’abasaba ubuhungiro;</p> <p>(e) igitabo cyandikwamo abimukira;</p>	<p>(a) registry of Rwandans;</p> <p>(b) registry of foundlings;</p> <p>(c) registry of foreign residents;</p> <p>(d) registry of refugees and asylum seekers;</p> <p>(e) registry of immigrants;</p>	<p>(a) registre des Rwandais ;</p> <p>(b) registre des enfants trouvés ;</p> <p>(c) registre des résidents étrangers ;</p> <p>(d) registre des réfugiés et demandeurs d’asile ;</p> <p>(e) registre des immigrants ;</p>

<p>(f) igitabo cyandikwamo abatagira ubwenegihugu ;</p> <p>(g) ikindi gitabo cyandikwamo abaturage icyo ari cyo cyose cyagenwa n'Urwego rubifitiye ububasha.</p> <p><u>Ingingo ya 4: Amakuru yandikwa mu gitabo cyandikwamo abaturage</u></p> <p>(1) Amakuru akurikira agomba gushyirwa mu gitabo cyandikwamo abaturage:</p> <p>(a) amakuru yerekeranye n'umwironoro w'umuntu:</p> <ul style="list-style-type: none"> (i) numero ndangamuntu y'Igihugu; (ii) izina bwite; (iii) izina ry'ingereka ; (iv) izina rya se; (v) izina rya nyina; (vi) igitsina; (vii) itariki yavukiyeho; (viii) aho yavukiye; 	<p>(f) registry of stateless persons;</p> <p>(g) such other registry as may be determined by the competent authority.</p> <p><u>Article 4: Population registry data</u></p> <p>(1) The following data are required in the population registry:</p> <p>(a) biographic data:</p> <ul style="list-style-type: none"> (i) national identification number; (ii) surname; (iii) post-name; (iv) father's name; (v) mother's name; (vi) gender; (vii) date of birth; (viii) place of birth; 	<p>(f) registre des apatrides ;</p> <p>(g) tout autre registre pouvant être déterminé par l'autorité compétente.</p> <p><u>Article 4 : Données du registre de la population</u></p> <p>(1) Les données suivantes sont requises dans le registre de la population :</p> <p>(a) données biographiques :</p> <ul style="list-style-type: none"> (i) numéro d'identification national ; (ii) nom propre ; (iii) post-nom ; (iv) nom du père ; (v) nom de la mère ; (vi) sexe ; (vii) date de naissance ; (viii) lieu de naissance ;
--	---	--

Official Gazette n° Special of 15/06/2023

<ul style="list-style-type: none"> (ix) aho atuye; (x) ubwenegihugu; (xi) ubundi bwenegihugu; (xii) icyiciro cy'ubwenegihugu nyarwanda; (xiii) irangamimerere; (xiv) izina ry'uwo bashakanye ; (xv) numero ya telefoni, iyo ihari; (xvi) aderesi ya imeyili, iyo ihari; 	<ul style="list-style-type: none"> (ix) place of domicile; (x) nationality; (xi) other nationality; (xii) type of Rwandan nationality; (xiii) marital status; (xiv) spouse's name; (xv) telephone number, if any; (xvi) email address, if any; 	<ul style="list-style-type: none"> (ix) lieu de domicile ; (x) nationalité ; (xi) autre nationalité ; (xii) type de la nationalité rwandaise ; (xiii) état matrimonial ; (xiv) nom du conjoint ; (xv) numéro de téléphone, le cas échéant ; (xvi) adresse électronique, le cas échéant ;
<p>(b) amakuru ajyanye n'ibipimo ndangamiterere:</p> <ul style="list-style-type: none"> (i) ifoto igaragaza mu maso; (ii) ibikumwe bitewe n'ikigero cy'imyaka; (iii) ishusho y'imboni, bitewe n'imyaka; (iv) andi makuru y'ibipimo ndangamiterere y'umuntu yagenwa n'Urwego rubifitiye ububasha. 	<p>(b) biometric data:</p> <ul style="list-style-type: none"> (i) front-facing photograph; (ii) fingerprints, depending on age; (iii) iris scan, depending on age; (iv) such other biometric data as may be determined by the competent authority. 	<p>(b) données biométriques :</p> <ul style="list-style-type: none"> (i) photographie de face ; (ii) empreintes digitales, en fonction de l'âge ; (iii) balayage de l'iris, en fonction de l'âge ; (iv) toute autre donnée biométrique pouvant être déterminée par l'autorité compétente.

<p>(2) icyakora, iyo amakuru ajyanye n'ibipimo ndangamiterere avugwa mu gika cya (1)(b) cy'iyi ngingo atabashije kuboneka yose, ahari ni yo ashyirwa mu gitabo cyandikwamo abaturage.</p>	<p>(2) However, in case biometric data provided for under paragraph (1)(b) of this Article are not fully available, only existing biometric data are captured in the population registry.</p>	<p>(2) Toutefois, lorsque les données biométriques visées au paragraphe (1)(b) du présent article ne sont pas toutes disponibles, seules les données biométriques existantes sont consignées dans le registre de la population.</p>
<p><u>Ingingo ya 5: Iyandikwa mu gitabo cyandikwamo abaturage</u></p>	<p><u>Article 5: Registration in population registry</u></p>	<p><u>Article 5 : Enregistrement dans le registre de la population</u></p>
<p>(1) Umuntu yiyandikisha ahakorerwa iyandikwa.</p>	<p>(1) A person registers at the registration centres.</p>	<p>(1) Une personne se fait enregistrer dans les centres d'enregistrement.</p>
<p>(2) Umwana uvukiye mu kigo cy'ubuvuzi ahita yandikwa n'umukozi ubishinzwe muri CRVS, amakuru agahita ajya mu gitabo cyandikwamo abaturage hakurikijwe amategeko abigenga.</p>	<p>(2) A child born in a health facility is immediately registered in the CRVS system by a designated officer, and related data are automatically transferred to the population registry in accordance with the relevant legislation.</p>	<p>(2) Un enfant né dans un établissement de santé est immédiatement enregistré dans le système CRVS par un agent désigné; et les données y relatives sont automatiquement transférées dans le registre de la population conformément à la législation en la matière.</p>
<p>(3) Umwana utavukiye mu kigo cy'ubuvuzi yandikwa n'umukozi ubishinzwe muri CRVS, amakuru agahita ajya mu gitabo cyandikwamo abaturage hakurikijwe amategeko abigenga.</p>	<p>(3) A child born outside health facility is registered in the CRVS system by a designated officer, and related data are automatically transferred to the population registry in accordance with the relevant legislation.</p>	<p>(3) Un enfant né en dehors d'un établissement de santé est enregistré dans le système CRVS par un agent désigné, et les données y relatives sont automatiquement transférées dans le registre de la population conformément à la législation en la matière.</p>
<p>(4) icyakora iyo umuntu afite inyandiko y'ivuka yakorewe mu mahanga,</p>	<p>(4) However, when a person has a birth record drawn up abroad, the birth is</p>	<p>(4) Toutefois, lorsqu'une personne dispose d'un acte de naissance établi à</p>

<p>uwavutse yandikwa gusa mu gitabo cyandikwamo abaturage hakurikijwe amategeko abigenga.</p> <p><u>Ingingo ya 6: Iyandikwa ry’urupfu</u></p> <p>(1) Umuntu upfiriye kwa muganga ahita yandikwa muri CRVS n’umukozi ubishinzwe amakuru agahita ajya mu gitabo cyandikwamo abaturage hakurikijwe amategeko abigenga.</p> <p>(2) Umuntu upfiriye ahatari kwa muganga yandikwa muri CRVS n’umukozi ubishinzwe, amakuru agahita ajya mu gitabo cyandikwamo abaturage hakurikijwe amategeko abigenga.</p> <p>(3) icyakora iyo umuntu afite inyandiko ihamya urupfu rw’umuntu yakorewe mu mahanga, uwapfuye yandikwa gusa mu gitabo cyandikwamo abaturage hakurikijwe amategeko abigenga.</p> <p><u>Ingingo ya 7: Guhindura aho umuntu atuye</u></p> <p>Guhindura aho umuntu atuye bikorwa na</p>	<p>registered only in the population registry in accordance with the relevant legislation.</p> <p><u>Article 6: Registration of death</u></p> <p>(1) A person who dies at a health facility is immediately registered in the CRVS system by a designated officer, and related data are automatically transferred to the population registry in accordance with the relevant legislation.</p> <p>(2) A person who dies outside a health facility is registered by a designated officer in the CRVS system; and related details are automatically transferred to the population registry in accordance with the relevant legislation.</p> <p>(3) However, when a person has a death certificate drawn up abroad, the death is registered only in the population registry in accordance with the relevant legislation.</p> <p><u>Article 7: Change of domicile</u></p> <p>The change of domicile is done by the data</p>	<p>l'étranger, la naissance n'est enregistrée que dans le registre de la population conformément à la législation en la matière.</p> <p><u>Article 6 : Enregistrement de décès</u></p> <p>(1) Une personne qui décède dans un établissement de santé est immédiatement enregistrée dans le système CRVS par un agent désigné, et les données y relatives sont automatiquement transférées dans le registre de la population conformément à la législation en la matière.</p> <p>(2) Une personne qui décède hors d'un établissement de santé est enregistrée dans le système CRVS par un agent désigné ; et les détails y relatifs sont automatiquement transférés dans le registre de la population conformément à la législation en la matière.</p> <p>(3) Toutefois, lorsqu'une personne dispose d'un certificat de décès établi à l'étranger, le décès n'est enregistré que dans le registre de la population conformément à la législation en la matière.</p> <p><u>Article 7 : Changement de domicile</u></p> <p>Le changement de domicile est effectué par la</p>
---	---	--

<p>nyir'ubwite mu buryo bw'ikoranabuhanga cyangwa ubundi buryo bwagenwe, bikemezwa n'urwego rubifitiye ububasha mu gihe kitarenze iminsi 15 uherye ku muni ubusabwa bwakiriweho kugira ngo ashobore kuhabona serivisi.</p>	<p>subject electronically or by such other means as determined and such a change is approved by the competent authority within 15 days of receiving a request to that effect to enable the data subject to access services in his or her new place of domicile.</p>	<p>personne concernée par voie électronique ou par toute autre voie déterminée et ce changement est approuvé par l'autorité compétente dans les 15 jours suivant la réception d'une demande adressée à cet effet pour permettre au requérant de bénéficier des services dans son nouveau lieu de domicile.</p>
<p><u>UMUTWE WA III: SISITEMU YA SDID</u></p>	<p><u>CHAPTER III: SDID SYSTEM</u></p>	<p><u>CHAPITRE III : SYSTÈME SDID</u></p>
<p><u>Ingingo ya 8: Inkomoko y'amakuru ya sisitemu ya SDID n'ibiyigize</u></p>	<p><u>Article 8: Sources of data of the SDID system and its components</u></p>	<p><u>Article 8 : Sources des informations du système SDID et ses composants</u></p>
<p>(1) Sisitemu ya SDID –</p> <p>(a) ikura amakuru bwite muri CRVS no mu gitabo cyandikwamo abaturage, kandi izi sisitemu zikomeza guhanahana amakuru mu buryo buhoraho;</p> <p>(b) ishobora kandi gukura amakuru bwite mu bisabwa uwiandikisha muri sisitemu ya SDID mu gihe atagaragara mu gitabo cyandikwamo abaturage.</p>	<p>(1) The SDID system –</p> <p>(a) draws personal data from the CRVS system and population registry and these systems remain synchronized;</p> <p>(b) may also draw personal data from the documents required for registration in the SDID system if a person is not registered in the population registry.</p>	<p>(1) Le système SDID –</p> <p>(a) extrait les données personnelles du système CRVS et du registre de la population et ces systèmes restent synchronisés ;</p> <p>(b) peut également extraire les données personnelles des documents requis pour l'enregistrement dans le système SDID, si une personne n'est pas enregistrée dans le registre de la population.</p>
<p>(2) Sisitemu ya SDID igizwe n'ibi bikurikira:</p>	<p>(2) The SDID system comprises the following components:</p>	<p>(2) Le système SDID comprend les composants suivants :</p>

<p>(a) igitabo cya SDID;</p> <p>(b) nomero ya SDID n’umubare usimbura nomero ya SDID;</p> <p>(c) ikarita ya SDID.</p> <p><u>Ingingo ya 9: Igitabo cya SDID</u></p> <p>(1) Igitabo cya SDID kigizwe na –</p> <p>(a) nomero ya SDID n’umubare usimbura nomero ya SDID;</p> <p>(b) amakuru abitswe mu buryo bw’inyandiko;</p> <p>(c) amateka y’amakuru abitswe.</p> <p>(2) Amakuru ari mu gitabo cya SDID abikwa ku buryo byoroha kubungabunga ibanga ry’amakuru bwite, umutekano w’amakuru, kugenzura uburyo bwo kuyageraho no gucunga impinduka ziyabaho.</p> <p><u>Ingingo ya 10: Amakuru abikwa mu buryo bw’inyandiko mu gitabo cya SDID</u></p> <p>(1) Igitabo cya SDID kibikwamo amakuru akurikira y’ibanze yerekeranye</p>	<p>(a) SDID registry;</p> <p>(b) SDID number and SDID number token;</p> <p>(c) SDID card.</p> <p><u>Article 9: SDID registry</u></p> <p>(1) SDID registry comprises –</p> <p>(a) SDID number and SDID number token;</p> <p>(b) data recorded in document forms;</p> <p>(c) history of recorded data.</p> <p>(2) The data in the SDID registry are classified in a manner that allows safeguards for data privacy, security, access control, and change management.</p> <p><u>Article 10: SDID registry data</u></p> <p>(1) The SDID registry contains the following basic biographical data required to</p>	<p>(a) registre SDID ;</p> <p>(b) numéro SDID et le jeton de numéro SDID ;</p> <p>(c) carte SDID.</p> <p><u>Article 9 : Registre SDID</u></p> <p>(1) Le registre SDID comprend –</p> <p>(a) le numéro SDID et le jeton de numéro SDID ;</p> <p>(b) les données enregistrées sous forme de documents;</p> <p>(c) l’historique des données enregistrées.</p> <p>(2) Les données du registre SDID sont classées d’une façon qui permet la protection de la confidentialité, la sécurité, le contrôle d’accès et la gestion des modifications des données.</p> <p><u>Article 10 : Données du registre SDID</u></p> <p>(1) Le registre SDID contient les données biographiques de base suivantes requises</p>
--	---	--

<p>n’umwirondoro w’umuntu kandi ya ngombwa kugira ngo umwirondoro we umenyekane:</p> <p>(a) numero ya SDID n’umubare usimbura numero ya SDID;</p> <p>(b) izina bwite;</p> <p>(c) izina ry’ingereka;</p> <p>(d) igitsina;</p> <p>(e) itariki yavutseho;</p> <p>(f) ifoto igaragaza mu maso;</p> <p>(2) Igitabo cya SDID kibikwamo kandi amakuru y’aho nyir’ubwite atuye.</p> <p>(3) Igitabo cya SDID gishobora kandi kubikwamo amakuru yerekeranye n’umwirondoro w’umuntu n’ay’ibipimo ndangamiterere nk’akurikira:</p> <p>(a) numero ya telefoni;</p> <p>(b) imeyili;</p> <p>(c) umukono cyangwa ibikumwe.</p>	<p>establish identity:</p> <p>(a) SDID number and SDID number token;</p> <p>(b) surname;</p> <p>(c) post-name;</p> <p>(d) gender;</p> <p>(e) date of birth;</p> <p>(f) front-facing photograph;</p> <p>(2) the SDID registry also serves to record the domicile address of the data subject.</p> <p>(3) the SDID registry may further serves to record the following biographical and biometric data:</p> <p>(a) telephone number;</p> <p>(b) email;</p> <p>(c) signature or fingerprints.</p>	<p>pour établir l’identité :</p> <p>(a) numéro SDID et jeton de numéro SDID ;</p> <p>(b) nom propre;</p> <p>(c) post-nom ;</p> <p>(d) sexe ;</p> <p>(e) date de naissance ;</p> <p>(f) photographie de face ;</p> <p>(2) Le registre SDID sert également à consigner l’adresse du domicile de la personne concernée.</p> <p>(3) Le registre SDID peut en outre servir à consigner les données biographiques et biométriques suivantes :</p> <p>(a) numéro de téléphone ;</p> <p>(b) courrier électronique ;</p> <p>(c) signature ou empreintes digitales.</p>
--	--	---

<p><u>Ingingo ya 11: Iyandikwa muri sisitemu ya SDID</u></p> <p>(1) Nyir’ubwite yiyandikisha cyangwa agafashwa kwiyandikisha muri sisitemu ya SDID.</p> <p>(2) Iyandikwa muri sisitemu ya SDID riba ryagenze neza kandi ryuzuye iyo hatanzwe nomero ya SDID.</p>	<p><u>Article 11: Registration in the SDID system</u></p> <p>(1) The data subject registers or is assisted in registering in the SDID system.</p> <p>(2) Registration in SDID system is successful and complete upon the assignment of the SDID number.</p>	<p><u>Article 11: Enregistrement dans le système SDID</u></p> <p>(1) La personne concernée se fait enregistrer ou est assistée dans son enregistrement dans le système SDID.</p> <p>(2) L’enregistrement dans le système SDID est réussi et complet après attribution du numéro SDID.</p>
<p><u>Ingingo ya 12: Amakuru y’umwana abikwa muri sisitemu ya SDID</u></p> <p>(1) Iyo umwana ataruzuzwa imyaka itanu, hafatwa gusa amakuru y’ibanze avugwa mu ngingo ya 10 y’iri tegeko kandi nomero ya SDID ye igahuzwa na nomero ndangamuntu y’Igihugu ye n’iy’umuntu ufite ububasha bwa kibyeyi kuri uwo mwana hakurikijwe amategeko abigenga.</p> <p>(2) Iyo umwana afite nibura imyaka itanu, amakuru y’ibipimo ndangamiterere ye yuzuye arafatwa kandi agakomeza gufatwa mu buryo bw’ingarukagihe buteganywa n’urwego rubifitiye ububasha.</p> <p>(3) Iyo umwana yujuje imyaka 16, amakuru</p>	<p><u>Article 12: Child’s data registered in the SDID system</u></p> <p>(1) When a child is under the age of five years, only the basic data provided for under Article 10 of this Law are collected, and the child SDID number is linked to his or her national identification number and to that of the holder of parental authority over the child in accordance with the relevant legislation.</p> <p>(2) When a child is at least five years old, his or her complete biometric data are captured and subsequent periodic collections of such biometric data are set by the competent authority.</p> <p>(3) Once a child attains 16 years of age,</p>	<p><u>Article 12 : Données de l’enfant enregistrées dans le système SDID</u></p> <p>(1) Lorsqu’un enfant est âgé de moins de cinq ans, seules les données de base visées à l’article 10 de la présente loi sont recueillies, et son numéro SDID est lié à son numéro national d’identification et à celui de la personne ayant l’autorité parentale sur cet enfant conformément à la législation en la matière.</p> <p>(2) Lorsqu’un enfant est âgé de cinq ans au moins, ses données biométriques complètes sont recueillies et les recueils ultérieurs périodiques de ces données sont fixés par l’autorité compétente.</p> <p>(3) Lorsqu’un enfant atteint l’âge de 16</p>

<p>y'ibipimo ndangamiterere ye yuzuye afatwa bundi bushya.</p> <p><u>Ingingo ya 13: Ibisabwa mu kwiwandikisha muri sisitemu ya SDID</u></p> <p>(1) Kwiwandikisha muri sisitemu ya SDID bisaba nyir'ubwite kuba –</p> <p>(a) yibereye aho bandikira kugira ngo habashe gufatwa amakuru ajyanye n'ibipimo ndangamiterere bye;</p> <p>(b) yanditswe mu gitabo cyandikwamo abaturage; cyangwa</p> <p>(c) afite inyandiko fatizo.</p> <p>(2) Umuntu utanditswe mu gitabo cyandikwamo abaturage kandi akaba atabasha gutanga inyandiko fatizo, yandikwa hashingiwe ku buhamya butanzwe n'umuntu utunze numero ya SDID.</p> <p>(3) icyakora, umuntu ashobora kwandikwa muri sisitemu ya SDID atujuje ibisabwa bivugwa mu gika cya (1) (b), (c) n'icya (2) by'iyi ngingo hagamijwe kurengera inyungu zikomeye zifitanye isano n'ubuzima cyangwa urupfu. Iyi numero ya SDID itanzwe ikoresheya muri ubu buryo</p>	<p>his or her complete biometric data are re-collected.</p> <p><u>Article 13: Requirements for registration in the SDID system</u></p> <p>(1) The registration in the SDID system requires the data subject –</p> <p>(a) to be physical present for his or her biometric data capturing;</p> <p>(b) to be registered in the population registry; or</p> <p>(c) to have a breeder document.</p> <p>(2) A person who is not registered in the population registry and is unable to provide a breeder document, is registered based on testimonial evidence provided by a SDID number holder.</p> <p>(3) However, a person may also be registered in the SDID system without meeting the requirements provided for under Paragraphs (1) (b), (c) and (2) of this Article for the protection of vital interests that are linked to a person's life or death situations. The SDID</p>	<p>ans, ses données biométriques complètes sont recueillies de nouveau.</p> <p><u>Article 13 : Conditions d'enregistrement dans le système SDID</u></p> <p>(1) L'enregistrement dans le système SDID oblige la personne concernée de–</p> <p>(a) être physiquement présente en vue du recueil de ses données biométriques ;</p> <p>(b) être inscrite dans le registre de la population ; ou</p> <p>(c) avoir un document source.</p> <p>(2) Une personne qui n'est pas enregistrée dans le registre de la population et qui n'est pas en mesure de fournir un document source est enregistrée sur la base de témoignages fournis par le titulaire du numéro SDID.</p> <p>(3) Toutefois, une personne peut être enregistrée dans le système SDID sans qu'elle remplisse les conditions visées aux paragraphes (1) (b), (c) et (2) du présent article aux fins de la protection des intérêts vitaux liés aux situations de vie ou de mort d'une personne. Le</p>
---	---	---

<p>bwihariye gusa.</p> <p><u>Ingingo ya 14: Ahakorerwa iyandikwa</u></p> <p>(1) Ahakorerwa iyandikwa ry’abaturage muri sisitemu ya SDID ni aha hakurikira:</p> <p>(a) umurenge;</p> <p>(b) akagari;</p> <p>(c) ikigo cy’ubuvuzi;</p> <p>(d) ibiro byimukanwa ;</p> <p>(e) ibiro by’ububanyi n’amahanga by’u Rwanda;</p> <p>(f) ahandi hantu hagenwa n’urwego rubifitiye ububasha.</p> <p>(2) Ahakorerwa iyandikwa harebererwa kandi hakagenzurwa mu buryo butaziguye n’Urwego rubifitiye ububasha, rukora ku buryo ahakorerwa iyandikwa hagira ibikoresho bya ngombwa byo kwakira amakuru agomba gushyirwa mu gitabo cya SDID.</p>	<p>number assigned in that situation is used only for that particular purpose.</p> <p><u>Article 14: Registration centres</u></p> <p>(1) The centres for registration of the population in the SDID system are the following:</p> <p>(a) the sector;</p> <p>(b) the cell;</p> <p>(c) the health facility;</p> <p>(d) mobile centre;</p> <p>(e) Rwandan diplomatic mission;</p> <p>(f) such other centre as may be designated by the competent authority.</p> <p>(2) Registration centres are under the direct supervision and control of the competent authority which ensures that the registration centres have the necessary facilities to capture the data required to be entered in the SDID registry.</p>	<p>numéro SDID attribué dans cette situation est utilisé uniquement à cette fin particulière.</p> <p><u>Article 14: Centres d’enregistrement</u></p> <p>(1) Les centres d’enregistrement de la population dans le système SDID sont les suivants :</p> <p>(a) le secteur ;</p> <p>(b) la cellule ;</p> <p>(c) l’établissement de santé ;</p> <p>(d) le centre mobile ;</p> <p>(e) la mission diplomatique du Rwanda ;</p> <p>(f) tout autre centre pouvant être désigné par l’autorité compétente.</p> <p>(2) Les centres d’enregistrement sont sous la supervision et le contrôle directs de l’autorité compétente qui s’assure que les centres d’enregistrement disposent des installations nécessaires pour recueillir les données devant être enregistrées dans le registre SDID.</p>
---	--	--

<p><u>Ingingo ya 15: Gutunganya no kubungabunga amakuru abitse muri sisitemu ya SDID</u></p> <p>(1) Gutunganya no kubungabunga amakuru bwite y’umuntu wanditse muri sisitemu ya SDID n’ibibazo byose bijyanye nayo bikorwa hubahirijwe amategeko agenga ibijyanye no kurinda amakuru bwite n’imibereho bwite by’umuntu.</p> <p>(2) Umuntu ntiyemerewe gutunganya amakuru bwite y’umuntu harimo gushyira hanze, kwegeranya, kubika, kohereza, gusakaza, gutangaza cyangwa gukoresha amakuru bwite y’umuntu wanditswe muri sisitemu ya SDID mu buryo bunyuranye n’ibiteganywa mu gika cya (1) cy’iyi ngingo.</p>	<p><u>Article 15: Processing and protection of the data recorded in the SDID system</u></p> <p>(1) The processing and protection of data of a person registered in the SDID system and all related matters are handled in accordance with the legislation governing the protection of personal data and privacy.</p> <p>(2) No person is authorized to process personal data, including the disclosure, collection, recording, conveyance, dissemination, publication or use of personal data of a person registered in the SDID system in a manner contrary to the provisions of paragraph (1) of this Article.</p>	<p><u>Article 15 : Traitement et protection des données enregistrées dans le système SDID</u></p> <p>(1) La responsabilité quant au traitement et à la protection des données d’une personne enregistrée dans le système SDID et à toutes les questions y relatives est assumée conformément à la législation régissant la protection des données personnelles et de la vie privée.</p> <p>(2) Il est interdit à une personne d’effectuer le traitement de données personnelles, y compris la divulgation, le recueil, l’enregistrement, la transmission, la diffusion, la publication ou l’utilisation de données personnelles d’une personne enregistrée dans le système SDID d’une manière contraire aux dispositions du paragraphe (1) du présent article.</p>
